“Yesu Kristo ntahinduka, none, ejo n’iteka ryose” (Abaheburayo 3:18).

Urwandiko ruzenguruka Ukwezi kwa munane kw’2016

Isezerano rya kera n’irishya n’abaragwa b’Imana

Ndabasuhuza mwese mbikuye ku mutima nkoresheje iri jambo ryo mu Baheburayo 1:1-2: “*nyuma yo kuvugana na ba sogokuruza inshuro nyinshi no mu buryo bwinsi ikoresheje abahanuzi, Imana mur’ibi bihe bya nyuma yavuganye natwe mu mwana wayo, uwo yagize umuragwa wa byose; kandi ari na we waremye byose*”.

Bibiliya igizwe n’Isezerano rya kera n’Isezerano rishya. Imana yavugiye mu kanwa k’abahanuzi bayo bo mu Isezerano rya kera ibyo yagennye mu mugambi wayo w’agakiza. Uhereye ku gice cya mbere cy’Isezerano rishya, Imana yatanze ibimenyetso ko ibyasezeranijwe mu Isezerano rya kera byose birimo gusohora. Nk’uko mu irage havugwamo neza abaragwa ab’ari bo ndetse n’umugabane wa bur’umwe muri bo, uko ni ko n’Imana yitwararitse gusobanura mu Ijambo ryayo umugabane w’Isirayeri n’umugabane w’Itorero ry’abanyamahanga.

Mu Itangiriro 15:4, Uwiteka yahaye Aburahamu, se w’abizera, isezerano ryo kuzamuha umuragwa umukomotseho. “*Aburahamu yiringiye Imana, ibyo bimuhwanirizwa no gukiranuka*” (Umur.6). Mu Itangiriro 18:10 tuhasoma ngo: “*Nzagaruka aho uri magingo aya umwaka utaha, Sara umugore wawe azaba afite umwana w’umuhungu*”. Muri Aburahamu we, kwizera no kumvira byakoreraga hamwe, ni yo mpamvu yari yiteguye no gutamba Isaka, umuragwa we: “*Yatekerezaga ko Imana ifite ubushobozi bwo kuzura abapfuye; bituma agarurirwa umwana we nk’uzutse*” (Abah.11:19). Kubera kumvira kwo kwizera kwe, Uwiteka yarirahiye ubwe ko azaha amoko yose umugisha: “*Ndirahiye ubwanjye, niko Uwiteka avuze! Ubwo wakoze ibyo, ukaba utanyimye umwana wawe, w’ikinege, nanjye nzaguha umugisha kandi nzagwiza abazagukomokaho, bazangana n’inyenyeri zo mu kirere n’umusenyi wo ku nyanja; kandi urubyaro rwawe ruzazungura amarembo y’abanzi babo. Mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo ku isi azaherwa umugisha, kuko wumviye ijwi ryanjye*” (Itang.22:15-18).

Intumwa Pawuro yavuze ku murava n’ubunyakuri by’Imana ubwo yandikaga ati: “*ni cyo cyatumye Imana* ***ikoresha indahiro, kuko yashakaga guhamiriza rwose abaragwa b’isezerano ko icyemezo cyayo kidakuka****, …*” (Abah.6:13-17).

Mu Bagalatiya 3:7, yise abizera ko ari abana b’Aburahamu, kandi ahamya ku murongo wa 29 ati: “*nuko rero niba muri aba Kristo, muri n’urubyaro rw’Aburahamu, muri* ***n’abaragwa kubw’isezerano***”. Ku bijyanye n’ubwiru bwa Kristo hamwe n’Itorero, yaranditse ati: “… ***Kuko abanyamahanga ar’abaraganwa, bagize umubiri umwe, kandi basangiye isezerano rimwe***

muri Yesu Kristo kubw'ubutumwa bwiza…" (Abef.3:4-6). Amasezerano y'Imana n'ay'abaragwa ku bwa Yesu Kristo.

Ukwizera nyakuri ni ugushinz'imizi mu masezerano y'Imana gusa. Abana b'Imana b'ukuri, abaragwa nyakuri ba Yesu Kristo, bizera buri jambo na buri sezerano. Mu Baroma 9:8, Intumwa yaranditse iti: "… *ni ukuvuga ko abana ba kamere atari bo bana b'Imana,* ***ahubwo abana b'isezerano nibo babarwa nk'abaragwa***". Naho mu Baroma 8:17 ho, yaranditse ati: "*nuko rero* ***niba turi abana, turi n'abaragwa: abaragwa b'Imana, abaraganwa na Kristo****, niba tubabarana nawe, kugira ngo tuzambikanwe na we ubwiza*".

Iki gitekerezo nacyo n'icy'agaciro gakomeye: "*nuko rero ntabwo ukir'imbata,* ***ahubw'ur'umwana; kandi niba ur'umwana, uri n'umuragwa kubw'ubuntu bw'Imana***" (Abagal.4:1-7). **Habanza isezerano, hagakurikiraho gusohozwa kwaryo; habanje umucunguzi, hakurikiraho abacunguwe**. Uko ni ko Isezerano Rishya ryatangiye: Mariya yagiriwe Ubuntu n'Imana (Luka 1:30), yizera Ijambo ry'Isezerano (Yes. 7:14) yabwiwe na malayika Gaburiyeri. Ako kanya Umwuka Wera yamujeho, maze umurongo wa 31 uherako urasohora: "*Dore, uzasama inda, ubyare umwana w'umuhungu, uzamwite Yesu* (Yahshua mu Giheburayo)". Uko ni ko Zaburi 22:10 yasohoye: "*yego, wamvanye mu nda ya mama*…". Ukuvuka kwa Yesu ni ko kwatangije umunsi w'agakiza n'ubuntu (Yes.49:8; 2Abakor.6:2). Jambo yambaye umubiri, aturana na twe (Yoh.1:14). "*Kuko amategeko yazanywe na Mose, ariko ubuntu n'ukuri byazanywe na Yesu Kristo*" (umur.17). Intumwa ivuga ko isezerano ryahawe ba sogokuruza, Imana yarisohoreje "kuri twe, abana babo, ubwo yazuraga Yesu" (Ibyak.13:33). Umwami n'Umucunguzi wacu yamennye amaraso ye y'igiciro kinini, adupfira kugira ngo aducungure. Amazina y'abahungu n'abakobwa b'Imana, yayanditse mu nyandiko y'irage ari bwo bushake bwe bwa nyuma.

Ibyo ni byo byizerwa n'umukumbi w'abacunguwe n'amaraso y'Umwana w'Imana. Twakira Ijambo ry'Imana nk'Imbuto (Luk.8:11), Umwuka wera akabyara Ubugingo bushya muri twe, tukavuk'ubwa kabiri kugira ngo tugir'ibyiringiro bizima, nk'abahungu n'abakobwa b'Imana nk'uko byanditswe: "…***kuko mwahinduwe bashya, atari ku bw'imbuto ibora, ahubwo kubw'imbuto itabora, kubw'Ijambo rizima kandi rihoraho ry'Imana***" (1Pet.1:23). Yakobo yabivuze mu buryo bukurikira: "*yatubyaye nk'uko ubushake bwe buri,* ***ku bw'Ijambo ry'ukuri, kugira ngo tube nk'umuganura w'ibyaremwe byayo***" (Yak.1:18). Uko ni ko ijambo ryo muri Yesaya 53:10 risohorera ku bacunguwe: "…***Urubyaro rwe ruzamukorera***" (Zab.22:33).

Icyerekezo cy'umwuka, bihuje n'umugambi w'Imana wo gucungura

Imana yatanze isezerano ry'ibyagombaga kuba ku itangiriro ry'Isezerano Rishya (Malaki 3:1) irinyujije mu muhanuzi wa nyuma wo mu Isezerano rya **k**era. Iryo ni ryo ryar'isezerano rya mbere ryagombaga gusohora ku bw'abaragwa bo mu Isezerano Rishya. Ryasohoye ubwo Umwami yoherezaga Integuza ye imbere ye, kugira ngo amutegurire inzira. Umwami ubwe yavuze kuri Yohana **umu**ubatiza ati: "***kuk'uwo ari we wanditsweho ngo: Dore, ndohereza integuza yanjye, kugira ngo agutegurire inzira imbere yawe***" (Mat.11:10).

Luka yavuze ibyari bikubiye mu bukozi bwa Yohana Mubatiza ati: "…***benshi mu b'Isirayeri azabahindurira ku Mwami Imana yabo; … n'abatumvira, Imana izabagarura ku bwenge bw'abakiranutsi, kugira ngo ategurire Umwami Imana ubwoko bwatunganijwe***" (Luk.1:16-17; Mat.17:12-13).

Abagiriwe **u**buntu n'Imana ubwo Kristo yazaga bwa mbere, bose bagiye kuri Yorodani, bizera ubutumwa bw'Imana maze barabatizwa. Abo ni bo bizeye ubutumwa bwa Yohana Mubatiza bose: "*Jyeweho ndababatirisha amazi ngo mwihane, ariko uzaza hanyuma yanjye andusha ubushobozi, ntibinkwiriye no kumutwaza inkweto.* ***Ni we uzababatirisha Umwuka wera n'umuriro***" (Mat.3:11). Nta gushidikanya ko abo ari bo bateraniriye i Yerusalemu kuko isezerano ryo kubatizwa n'umwuka wera ari ho ryasohoreye.

Ba bandi 120 nibo babaye abambere gusohorezwaho isezerano ubwo bari bateraniye mu cyumba cyo hejuru, nk'uko umwami yongeye kubibabwira bundi bushya mbere y'uko azamuka mu Byakozwe n'intumwa 1:4-5: "*nuko abateraniriza hamwe abategeka kutava i Yerusalemu ati:* ***ahubwo mutegereze ibyo Data yasezeranije****, ibyo nababwiye: kuko Yohana yabatirishaga amazi, ariko mwebweho mu minsi mike muzabatirishwa Umwuka wera*". Petero ubwo yabwiraga abari bateranye ibyari byabaye, yavuze iby'umucunguzi ati: "*Nuko amaze kuzamurwa n'ukuboko kw'iburyo kw'Imana, no guhabwa na Se ibyo yasezeranije ari byo Mwuka wera,* ***none yawusutse nk'uko mubireba kandi mubyumva***" (Ibyak.2:37-41). Uwo munsi, abantu ibihumbi bitatu biyongereye ku Itorero rya mbere (Ibyak.2:37-41).

Petero na none ku munsi Itorero ryo mu isezerano rishya ryashingwagaho, yasobanuye ibyabaye ashingiye ku isezerano ryatanzwe mu isezerano rya kera muri Yoweri 3:1: "*Ibi ni byo byavuzwe n'umuhanuzi Yoweri ati: mu minsi ya nyuma, ni ko Imana ivuga, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose*…" (Ibyak.2:16-17a). Turacyari mu "minsi ya nyuma", ni yo mpamvu natwe dushobora gushingira kur'iryo sezerano ry'umubatizo mu Mwuka wera. Ku bizera ubu ubutumwa bushingiye ku Butumwa bwiza bwuzuye, bihana, bakabatizwa mu izina rya Yesu Kristo, iri Jambo riracyari iryabo: "… *nuko muzahabwa impano y'Umwuka Wera*…" (Ibyak.2:38-39).

Nk'uko byari ku itangiriro ry'itorero, abizera nyakuri baracyasohorezwaho ibyo Imana yasezeranije: guhindukirira Kristo, kubabarirwa ibyaha byabo, guhindurwa bashya, kuvuka ubwa kabiri, kubatizwa n'Umwuka Wera, kugeza ku gushyirwaho ikimenyetso cy'Umwuka Wera. Bashiki bacu na benedata bo mu itorero rya mbere, basohorejweho agakiza kuzuye ku bw'ubuntu. Intumwa yanditse ku by'umugabane wagenewe abakiriye Ijambo mu minsi ya kera ati: "*niwe namwe mwiringiye mumaze kumva Ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, kandi mumaze kizera ni we* ***wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka wera mwasezeranijwe, uwo twahawe ho ingwate yo kuzaragwa wa murage, ku bwo gucungurwa kw'ab'Imana yironkeye ku bw'icyubahiro cy'ubwiza bwayo***" (Abef.1:13-14). Hanyuma akurikizaho imburo: "*kandi ntimuteze agahinda Umwuka wera w'Imana, uwo mwashyiriweho kuba ikimenyetso kugeza ku munsi wo gucungurwa kwanyu*" (Abef.4:30).

“Unyizera nk’uko ibyanditswe bivuga” (Yohana 7:38)

Tugomba kumenya ko iyo dusoma mu Isezerano Rishya inshuro zirenga 150 ngo “ …*nk’uko byanditswe ngo*…”, “*nk’uko Ibyanditswe bivuga*…”, “…*kugira ngo Ibyanditswe bisohore*…”, igihe cyose haba havugwa ibyanditswe byo mu Isezerano rya Cyera. Dusanga mu isezerano rishya ahavugwa amagambo yo mu Isezerano rya kera inshuro 845, harimo n’ibyanditswe muri Zaburi inshuro 150. Ibyo bitwereka agaciro gakomeye k’ubwuzuzanye buri hagati y’Isezerano rya kera n’irishya. Tariki 22/8/1965, mwenedata Branham yaravuze ati: “Erega, Isezerano rya kera n’irishya, ni ibice bibiri bigize ikintu kimwe”.

Umwami amaze kuzuka, yabonekeye abigishwa bari mu nzira igana Emawusi, abasobanurira imirongo yose yamuvugagaho yo mu Byanditswe mu Isezerano rya kera. “*Nuko barabazanya bati: ese imitima yacu nti yar’ikeye ubwo yadusobanuriraga ibyanditswe mu nzira*?” (Luk.24:32).

Yesu yibukije kandi abigishwa be ibyo yari yarababwiye mbere yo kubabazwa no gupfa kwe: “…*yuko ibyanditswe kuri jye byose mu mategeko ya Mose, no mu byahanuwe no muri Zaburi bikwiriye gusohora. Maze abungura ubwenge kugira ngo basobanukirwe ibyanditswe*” (Luk.24 44b-45).

Intumwa Pawuro yatangiye urwandiko rwe yandikiye itorero ry’i Roma mu buryo bukurikira: “ *Pawuro, imbata ya Yesu Kristo, wahamagariwe kuba intumwa, washyiriwe ku ruhande kubwiriza ubutumwa bwiza bw’Imana bwasezeranijwe n’Imana kera mu kanwa k’abahanuzi mu byanditswe byera*” (Abar.1:1-2). Nk’uko Pawuro yabihamije mu rwandiko rwe rwa mbere, uko ni ko nanjye nabihamiriza ku bw’ubuntu bw’Imana, kugeza mu rwandiko rwanjye rwa nyuma.

Ubutumwa bwiza bw’Imana bugomba gukwirakwizwa neza nk’uko abahanuzi bayo bera babibwirije kandi babisezeranije mu Byanditswe byera. Kandi ni nk’uko intumwa zabubwirije mu itorero ryo mu Isezerano rishya. Ni nk’uko Petero yabyanditse: “… *mubanze kumenya (ibi ni ngombwa cyane) y’uko ari nta buhanuzi bwo mu Byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye*” (2Pet.1:20).

Nk’uko inyandiko y’irage ihishura ubushake bwa nyuma bw’uwayanditse, uko ni ko Isezerano rya kera n’irishya bihishurira abaragwa umutungo bafite bihuje n’amategeko. Kuko Imana yanditse amazina yacu mu nyandiko yayo y’irage, ikaba yaratwise abaragwa, ni yo mpamvu dushobora kugira uruhare mu bikorerwa ubu mu bwami bw’Imana. Nk’uko ar’ukuri ko Imana isohoreza ibyo yasezeranije mu Isezerano rya kera mu gihe cy’isezerano rishya, ni na ko ari ukuri ko abahungu n’abakobwa b’imana, nk’abaragwa babikwiye, ari bo basorezwaho amasezerano abareba. Abandi bose babica ku ruhanda, n’ubwo batura nta buryarya ko ari abakristo.

Pawuro akoresha urugero rw’inyandiko y’irage isanzwe kugira ngo asobanure iby’umurage Imana yaduhaye: “*Benedata,* (*ibi ndabibabwira nk’umuntu*). Isezerano naho ryab’ar’iry’umuntu, iyo rimaze gukomezwa, nta muntu washobora kuryica cyangwa ngo aryongereho” (Abag.3:15). Igitekerezo nyamukuru mur’iyi ngingo ya ngombwa n’uko

bidashoboka na hato ko umuntu yongeraho cyangwa akuraho mu nyandiko y'irage yakozwe n'Imana.

Umuntu wese yubahiriza ibyanditswe mu nyandiko y'irage risanzwe (ryo ku isi), ndetse n'abacamanza na bo bararyubahiriza. Amazina y'abaragwa aba yanditsemo, ntawushobora kugira icyo ahinduramo. None se ni kuki abantu badashobora kubahiriza mur'ubwo buryo iby'Imana n'irage ryayo? Ese ni kuki hariho izo nsobanuro z'ibinyoma zose n'inyigisho ziyobya byongerwa ku nyandiko y'Imana y'umwimerere? (Abagal.1:6-8).

Ubwo intumwa Yohana yari afungiwe ku kirwa cy'i Patimosi ku bw'Ijambo ry'Imana n'ubuhamya bwa Yesu, yanditse mu gice cya mbere cy'ibyahishuwe ati: "*hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva bakitondera ibyanditswe muri bwo, kuko igihe kiri bugufi!*" Abaragwa nyakuri b'Imana kandi abaraganwa na Kristo, nta kindi bemera uretse ibyanditse mu Byanditswe byera, ibyo twarazwe n'Imana mu nyandiko yayo y'irage. Niyo mpamvu bitwa abahiriwe, kuko bizera buri jambo kandi bakitwararika mu mitima yabo ibiryanditswemo.

Ku iherezo ry'igitabo cy'Ibyahishuwe, hatanzwe iyi mburo ikomeye: "*uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo, ndamuhamiriza nti "nihagira umuntu uzongera kuri yo, Imana izamwongeraho ibyago byanditswe mur'iki gitabo. Kandi nihagira umuntu ugira icyo akura ku magabo y'iki gitabo cy'ubuhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no kuri rwa rurembo rwera ruvugwa mur'iki gitabo*" (Ibyah.22:18-19). Mwenedata Branham yakunze kuvuga akomeze ndetse no gusubiramo kenshi uyu murongo w'ibyanditswe kurusha indi yose. Igihano cyateganijwe n'Imana ntigikuka, kandi kizasohozwa uko cyanditswe ku bantu bose bazaba barakoze ibyo.

Nyuma yaho gato, turerekwa ko atari umuhanuzi, cyangwa intumwa Yohana wavuze ayo magambo, ahubwo ni Umwami ubwe: "*uhamiriza ibyo aravuga ati: Yee, ndaza vuba*".

Umugeni wa Kristo ahamiriza gusa ibyo Kristo yavuze mu Byanditswe, kandi akarangurura ati "*Amina, ngwino Mwami Yesu*!" (umurong.20).

"*Umwuka n'Umugeni barahamagara bati "Ngwino!" Kandi uwumva nahamagare ati "Ngwino!" Kandi ufite inyota naze, ushak'ajyane amazi y'ubugingo ku buntu*" (Umurong.17).

Gushyira buri kintu mu mwanya wacyo mu Byanditswe

Abizera bose bizera ibyo Imana yasezeranije iki gihe cyacu mu isezerano rya kera n'irishya, bazi neza ko mwenedata Branham yasohoje rwose umurimo yahawe mu mugambi w'Imana wo gucungura (Malaki 4:5-6). "*Dore nzaboherereza umuhanuzi Eliya*…" (Mat.17:11; Mariko 9:12). Yagarutse inshuro 18 ku byo yabwiriwe mu mucyo ndengakamere, tariki ya 11/6/1933, ubwo yarimo abatiza mu mugezi Ohio. Reka tubisubiremo uko yabivuze tariki 10/2/1960: "**Nk'uko Yohana Mubatiza yoherejwe kugira ngo ab'integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, uko ni ko ubutumwa wahawe buzaba integuza yo kuza kwa kabiri kwa Kristo**"

Ubukozi bwa mwenedata Branham bwahishuriye Itorero amabanga yose yari mu byanditswe, uhereye mu Itangiriro igice cya 1 (cyane cyane ibyo kugwa kw'inkomoko) ukageza ku gice cya nyuma cya Bibiliya. Kandi nk'uko yakundaga kubivuga abitsindagira, ubutumwa bwe ni: "ukugarukira Ijambo! ukugaruka ku ntango! ukugaruka kuri pentekote! ukugarukira inyigisho z'intumwa! ukugarukira Bibiliya!".

N'uko rero nibaza intego Imana yar'igamije, ndetse n'impamvu y'ubwo bukozi? Umwami yarasubije ati: "*Ni ukuri koko Eliya agomba kubanza kuza akagarura byose, akabitunganya*" (Mat.17:11). Icyo ni cyo kigamijwe ubu: n'uko abizera nyakuri bagarurwa ku gihagararo cy'abizera ba mbere, nk'uko byari bimeze mu Itorero ryo ku ntango.

Mu byakozwe n'intumwa 13:24-25, Pawuro yavuze ibya Yohana umubatiza, asubira mu magambo yavuze ubwo yar'arangije umurimo we, akurikira: "*Sindi we, ahubwo har'uzaza hanyuma yanjye, ntibinkwiriye ko napfundura udushumi tw'inkweto ze*".

Ku iherezo, ku bw'imbaraga z'Umwuka Wera (1Abakor.12; 1Abakor.14; Abef.4 n'ahandi), Itorero rigomba kugarurirwa impano zose z'umwuka, n'imbuto zose z'umwuka, n'ubukozi bwose nk'uko byari bimeze mu Itorero rya mbere. Harageze ko buri muntu yisuzuma ubwe ar'imbere y'Imana, akireba mu ndorerwamo y'Ijambo ry'Imana.

Igihe cy'umubatizo w'Umwuka Wera by'ukuri, ntabwo hazavugwa utuganbo duke mu ndimi z'amahanga hakoreshejwe ururimi rwacu rwa kera, oya. Ahubwo ururimi rwacu ruzatunganywa n'umuriro w'Umwuka wera: "*Haboneka indimi zigabanije zisa n'umuriro, ururimi rujya ku muntu wese wo muri bo*" (Ibyak.2:3). Abana b'Imana nyakuri bavugana urukundo ntabwo bavugan'urwango: "*umuntu wese wanga mwene se ni umwicanyi, kandi muzi yuko ari nta mwicanyi ufite ubugingo buhoraho muri we*" (1Yoh.3:15).

Yakobo ntabwo yanditse ku by'ururimi gusa "*rwuzuye ubusabwe bwica*" (3:8), ahubwo aduhugurira kwihangana kugeza ubo Kristo azagaruka, no gutegereza kimwe n'uko umuhinzi ategereza imvura ya mbere n'iya nyuma (iy'umuhindo n'iy'itumba) (5:7). Mu Baheburayo 10:35-36, duhabwa iyi mpuguro: "*nuko rero, ntimute ubushizi bw'amanga bwanyu bufite ingororano ikomeye, kuko mukwiriye kwihangana kugira ngo nimumara gukora iby'Imana ishaka muzahabwe ibyasezeranijwe*". *Kandi ku murongo ukurikiyeho: "haracyasigaye igihe kigufi cyane, kandi uzaza ntazatinda*".

Twizera ibyo Ibyanditswe bivuga. Ni ukuvuga ko Imana ubwayo ari yo izarangiza umurimo wayo wo gucungura, nk'uko yarangije umurimo wayo wo kurema. Yohana Mubatiza ntabwo yar'akiri ku isi ubwo umucunguzi wacu yasohozaga ugucungurwa kwacu ku musaraba. Mwenedata Branham na we ntibyari bikenewe ko aba ari ku isi igihe Umwami azagaruka aje kujyana abo yacunguye. Mu nyandiko y'irage ry'Imana, havugwamo ukugaruka kwa Kwisto gusa, nta na hamwe havuga ko umuhanuzi yazagaruka.

Umwami azasozereza ubwe, mu mbaraga nyinshi, umurimo hamwe n'abo yacunguye, bihuje n'Ijambo rye. Itorero ryashinzwe mu mbaraga z'Umwuka Wera, uko ni ko bizamera no none ku irangizwa ry'umurimo. "*Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga*" (Zak.4:6).

"*Yesu arababwira ati "ibyokurya byanjye ni ugukora ibyo uwantumye ashaka, no kurangiza umurimo we*" (Yoh.4:34).

Amagambo y'intumwa pawuro aracyafite ireme kugez'uyu munsi: "*icyo nzi neza rwose ntashidikanya, n'uko iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsi wa Yesu Kristo*" (Abafil.1:6).

Nyamara kandi Imana yatanze iyi mburo, yifuza ko amagambo y'umuhanuzi ajyanye no kutizera atazabasohoreraho: "*Dore mwa banyagasuzuguro mwe, mutangare, murimbuke, kuko ngiye gukora umurimo mu gihe cyanyu, uwo mutazemera n'aho umuntu yawubasobanurira*" (Ibyak.13:41).

Mu Baheburayo 12:26, intumwa nayo yanditse ibibwirijwe n'Imana iti: "… *ijwi ryayo ryateye igishyitsi icyo gihe, ari kone irasezeranije iti*: *hasigaye rimwe ngatera isi igishyitsi, ariko si yo yonyine ahubwo n'ijuru na ryo*". Yandika ibi, yar'ashingiye ku byanditswe n'umuhanuzi Hagayi: "nuko Uwiteka Nyiringabo aravuga ati: "*hasigaye igihe gito ngatigisa ijuru n'isi, n'inyanja, n'ubutaka; kandi nzahindisha amahanga yose umushyitsi*" (Hag.2:6).

Umuhanuzi yesaya yari yaramaze gutangaza mu Isezerano rya cyera ko Uwiteka ari we ubwe uzirangiriza umurimo we: "*Uwiteka azahaguruka nk'uko yahagurutse ku musozi Peratsimu, azarakara nk'uko yarakariye mu kibaya cy'I Gibeoni, ngo akore umurimo we, ari wo murimo we w'inzaduka, uwo murimo we w'inzaduka azawusohoza*" (Yes.28:21).

Mu Isezerano rishya, pawuro na we yarabyerekanye ayobowe n'Umwuka wera, aravuga ati: "*kuko Umwami azasohoza Ijambo rye mu isi, akarirangiza bidatinze*" (Abar.9:38). Ibyo ni byo dutegereje, Amina!

Uko ibintu bizakurikirana ubwo Kristo azagaruka

Kubera insobanuro zadutse zishingiye ku byo mwenedata Branham yavuze, cyane cyane mu kibwirizwa yise "**Izamurwa**", ni ngombwa cyane ko ibizaba bimurikirwa hakoreshejwe ibyanditswe byera.

Ukugaruka kwa Kristo kuvugwa mu byanditswe byinshi byo mu isezerano rishya, kuko mu by'ukuri, ibyo ni byo byari ingingo nyamukuru mu gihe cy'intumwa. Umwami n'Umucunguzi wacu yavuze ibintu bibiri: "…*ngiye kubategurira ahanyu*", kandi: "… *nzagaruka mbajyane* …" (Yoh.14:2+3). Ababwiriza nyakuri b'ubutumwa bw'igihe cyacu, basohorerwaho n'ijambo rikurikira: "*burya ntitwakurikije imigani yahimbwe n'ubwenge, ubwo twabamenyeshaga imbaraga z'Umwami wacu Yesu Kristo no kuzaza kwe, ahubwo twiboneye n'amaso yacu icyubahiro cye gikomeye*" (2Pet.1:16-21).

Muri bibiliya yo mu rurimi rw'Ikidage dusangamo ijambo "*kugaruka*" inshuro 17, urugero: muri Yakobo 5:6: "*nuko benedata, mwihangane mugeze aho Umwami Yesu azazira. Dor'umuhinzi ategereza imyaka y'ubutaka y'igiciro, ayirindira yihanganye kugez'aho azabonera imvura y'umuhindo n'iy'itumba*".

Intumwa Yohana na we yaranditse ati: "*na none bana bato, mugume muri we, kugira ngo niyerekanwa tuzabone uko dutinyuka, tutabebera imbere ye ubwo azaza*" (1Yoh.2:28).

Hariho ukuza kw'Umwami kunyuranye; ariko twebwe ho dutegereje kuza kwe kwa kabiri, ukugaruka kwe kwasezeranijwe (Yoh.14:1-3).

Muri Luka 24:50-51 no mu byakozwe n'intumwa 1:9-11, dusoma ibyavuzwe n'ababyiboneye ubwo Umwami nyuma yo kuzuka yajyaga mu Ijuru. Barabwiwe bati: "*Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaz'atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru*"(Ibyak.1:11). Muri Zaburi 47:6 naho havuga ko Umwami wacu yazamutse mu ijuru aherekejwe n'amajwi y'akamo y'umunezero n'ijwi ry'impanda nk'uwaneshereje i Gorogota, akazuka anesheje urupfu na Satani!: "*Imana izamukanye impundu, Uwiteka azamukanye ijwi ry'impanda!*". Kandi nanone azagaruka aherekejwe n'ijwi riranguriye ry'intsinzi hamwe n'impanda y'Imana, nk'uko byanditswe mu Batesaloniki ba mbere 4:13-17.

Haranditswe ngo: "*ariko benedata, ntidushaka ko mutamenya iby'abasinziriye, mutababara nka ba bandi badafite ibyiringiro. Ubwo twemeye y'uko Yesu yapfuye, akazuka, ari ko twizera y'uko Imana izazanana na Yesu abasinziriye muri we*". Maze hagakurikiraho ngo "Uku niko Uwiteka avuze": "*iki ni cyo tubabwira tubibwirijwe n'Ijambo ry'Umwami wacu y'uko twebwe abazaba bakiriho, basigaye kugeza ku kuza kw'Umwami, tutazabanziriza na hato abasinziriye. Kuko Umwami ubwe, azaza amanutse ava mu ijuru aranguruy'ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye, n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka, maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe na bo mu bicu gusanganira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose*". Nta kuntu byavugwa byeruye kurenza aha!

Uwitondeye ibyanditswe ku murongo wa 13 na 14 asobanukirwa abo ijwi rikangura ryo ku murongo wa 16 ribwira. Ntabwo rero ari ubutumwa bubwirizwa abazima kumara imyaka mbere yo kuza kw'Umwami nk'uko hari abiha kubivuga, ahubwo abapfiriye muri Kristo nibo ribwira. Ako kanya nibimara kuba, twe abazima bazaba barasigaye, tuzahindurwa, maze twese hamwe tuzamurwe ku bicu tujye gusanganira Umwami.

Muri 1Abakor. 15:50-58, aho pawuro yanditse ku byo guhindurwa kw'imibiri yacu igihe cyo kuzamurwa nikigera, yashimangiye ko kugaruka kwa Kristo kuzaba mu kanya nk'ako guhumbya kw'ijisho; ntabwo ar'ibintu bizaba mu byiciro. Handitswe ngo: "*Dore mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa, mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, kuko impanda y'imperuka izavuga* (reba 1Abates.4:16), *maze abapfuye bazurwe ubutazongera kubora, natwe duhindurwe*" (1Abakor.15:51-52). Utemer'ibyo aba ahinduye Imana umunyabinyoma (1Yoh.5:10). Ibi ntabwo bishobora guhinduka: "*Ahubwo Imana iboneke nk'inyakuri naho umuntu wese aboneke nk'umubeshyi nk'uko byanditswe ngo: "kugira ngo mu magambo yawe ubone uko ukiranuka, utsinde n'ucirwa urubanza*" (Abar.3.4).

Ubutumwa bw'igihe buvuga buti: "dore Umukwe araje mujye kumusanganira!" (Mat.25), bumaze igihe kirekire bwumvikana. Mu kibwirizwa yise "*Izamurwa*"'(the rupture/l'enlevement) (4/12/1965), mwenedata Branham yaravuze ati: "ikibanza, n'ubutumwa bugomba kubwirizwa. Iki ni cyo gihe cyo gutunganya amatabaza". Aha yavugaga ubutumwa

bwahishuriwe igihe cyacu, ubwo yazanye, bubanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo. Intego yabwo n'iyo gahamagarira gusohoka, gushyira ku ruhande, no gutunganya byose. Intego n'iyo gutegura abizera nyakuri ku bw'umunsi uhebuje wo kugaruka kw'Umukwe.

Naza aje gutwara umugeni we, ubwo ni bwo rya jambo rizasohora ngo: "*kuko nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba, ukabonekera aho rirengera, ni ko no kuza kw'Umwana w'Umuntu kuzaba kumeze*" (Mat.24:27). "*Icyo gihe abagabo bazaba bari mu murima, umwe azajyanya undi asigare; abagore babiri bazaba basya ku rusyo, umwe azajyanwa, undi asigare*" (Mat.24:40-41). Uko ni ko bizamera Kristo nagaruka.

Nk'uko ar'impamo ko Umwami n'Umucunguzi wacu yazukanye umubiri kandi akazamukana mu ijuru na wo, ni na ko kugaruka kwa Yesu Kristo ari mu mubiri, kuzuka kw'imibiri y'abapfiriye muri Kristo, guhindirwa kw'imibiri yacu no kuzamurwa kwacu, bizaba ari impamo.

Utizera ko Yesu Kristo azagaruka yambaye umubiri nkuko yazamutse mu ijuru awufite, ntabwo ayobya abandi gusa, ahubwo bishingiye kuri 2Yoh.7, ari na none munsi y'umwuka wa antikristo: "*kuko abayobya benshi badutse bakaza mu isi, batemera ko Yesu aza afite umubiri. Uvuga atyo, ni we uyobya kandi ni we antikristo*". Abigisha ko Yesu Kristo yamaze kuva ku ntebe y'imbazi uhereye mu mwaka w'1963, ko yaba yaramanutse mu mwuka aje gutwara abe, abo ni abashukanyi n'abigisha b'ibinyoma. Biramutse ari byo se, twavuga iki ku bantu bose bavutse n'abizeye muri za 60 na nyuma y'aho? Insobanuro nk'iyo n'iy'ubupfu rwose, kimwe n'izindi nyigisho z'ibinyoma zose.

Turashimira Imana tubivanye ku mutima kuko dushobozwa kwizera buri Jambo ry'Imana. Ibimenyetso by'ibihe bitwereka ko kugaruka kw'Umwami wacu kuri bugufi cyane, kuko yavuze ku bijyanye n'ibigomba kuba mu gihe cya nyuma ati: "*nuko ibyo nibitangira kubaho, muzararame, mwubure amaso yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora"* (Luk.21:28).

Ubutumwa bw'Ijambo ryahishuye nk'uko ryahawe mwenedata Branham, ni iry'agaciro gakomeye cyane kuri twe. Koko, ni ryo ribanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo, nk'uko mwenedata yabihamirije tariki 12/01/1961 ubwo yavugaga ati: "**ubutumwa ni bwo buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo. Uko ni ko marayika w'Uwiteka yavuze**".

Kubera ubukozi nanjye nahawe n'Imana kandi bukaba bwarahamirijwe n'umuhanuzi, Imana ni yo yanyoboye kubwiriza Ijambo no gukwirakwiza ibibwirizwa bya mweneata Branham. Umwami wamutegetse guhunika ibyokurya by'umwuka, ni we wantegetse nanjye kubigabura no kubikwirakwiza mfatanije na benedata bari mu murimo ku isi yose (Mat.24:45-47). Uko ni ko Ubutumwa bwa nyuma bugera ku moko yose n'indimi zose, nk'uko Umwami yabivuze ati: "**kandi ubu Butumwa bwiza bw'ubwami buzabwirizwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako iza**" (Mat.24:14).

Nk'uko biri mu Ijambo ry'ubukozi nahawe n'Umwami: " **… nzakwohereza mu yindi mirwa kubwiriza Ijambo ryanjye…",** mbwiriza Ijambo ry'Imana ku isi yose, mbwiriza ubutumwa bwiza bwuzuye nk'uko bwabwirijwe na benedata Pawuro na Branham. Ijambo, Bibiliya, ni yo

ndakuka yanjye. Umuhanuzi yaravuze ati: "*ntabwo urukundo ari rwo gihamya ko umuntu afite Umwuka wera koko, gihamya n'iyo yizera buri Jambo. Ntabwo ar'urukundo, cyangwa kuvuga mu ndimi, ahubwo n'iyo umuntu ashobora kwemera buri Jambo*" (26/07/1964). Icya ngombwa noneho ntabwo ari ukumva ikibwiriza gusa, ahubwo ni ukumva Ijambo ry'Imana. Ubutumwa bwa nyuma bukubiyemo ibyo Imana yifuza kutubwira byose. Ubwo butumwa ni bwo butegurira Umugeni wa Yesu Kristo umunsi uhebuje wo kugaruka kw'Umukwe. Ubu intore zoze zizi neza ko igihe kiri bugufi cyane. Nk'abāri b'abanyabwenge, nizo zizinjira hamwe n'Umukwe mu cyumba cy'ubukwe (Mat.25:10), nk'uko byanditswe: "… *kandi Umugeni we yamaze kwitegura*" (Ibyah.19:7).

Inyigisho isobanutse

Abazi ubukozi bwa mwenedata Branham bose bazi neza ibyo Imana yakoze mu gihe cyacu n'ibyabaye tariki 28/02/1963. Iyerekwa mwenedata Branham yakunze kugarukaho, kandi nanjye yanyibwiriye mu kwezi kwa cumi na kabiri 1962, ubwo ni bwo ryasohoye: Umwami yamubonekeye ari ku musozi witwa *Sunset* (izuba rirenga), hafi y'i Tukisoni muri Arizona, ari mu gicu ndengakamere kizengurutswe n'abamarayika barindwi. Ako kanya, inkuba yakubise umusubizo inshuro ndwi, binyeganyeza ako karere kose. Ubwo ni bwo yabwiwe ngo: "*subira I Jeferisonivile, kuko ibimenyetso birindwi bigomba gufungurwa*". Raporo yatanzwe n'impuguke yitwa James Mc Donald ku gicu ndengakamere cyagaragaye ubwo n'ifoto yacyo, byatangajwe mu kinyamakuru kizwi cyane cyitwa "*Sciences magazine*" tariki 19/04/1963, no mu kindi kinyamakuru kitwa "*Life magazine*" tariki 19/05/1963.

Uhereye tariki 17 ukageza tariki 23 z'ukwezi kwa gatatu 1963, nibwo mwenedata Branham yabwirije I Jefersonville ku bimenyetso birindwi: byar'uguhishur'amabanga yari agihishwe mu Ijambo ry'Imana (Ibyah.5).

Mwenedata Branham yasobanuye ko Itorero ryo mu isezerano rishya rirangirana n'igisekuruza cya Lawodikiya (Ibyah.3) kizakomeza kugeza ubwo Kristo azagaruka, kandi ko Umugeni yongera kugaraga gusa mu Byahishuwe 19, igihe cy'ifunguro ry'ubukwe. Yahishuriwe kandi ko ibimenyetso bine bibanza (Ibyahishuwe 6:1-8), byerekana antikristo mu byiciro bine byo guhishurwa kwe, ari kuri ya mafarashi ane.

Mu kimenyetso cya gatanu (Igice cya 6:9-11), yahishuriwe ko ubugingo bw'abishwe bari munsi y'igicaniro ari ubw' abayuda bajijijwe ko bagumanye Ijambo ry'Imana (ibitabo bitanu by'amategeko ya Mose), harimo no za miliyoni esheshatu z'abayuda bishwe na Hitireri mu gihe cy'intambara ya kabiri y'isi. Bo basaba Umwami Imana kubahorera inzigo – mu gihe abizera b'abakristo bo basabira imbabazi abanzi babo.

Ikimenyetso cya gatandatu cyo kivuga iby'igihe kizakurikira izamurwa, igihe cyo kubabazwa gukomeye, nk'uko mwenedata Branham yabigarutseho inshuro nyinshi, tariki 23/03/1963. Tariki 10/11/1963, yabigarutseho na none ati: "**mu gihe cy'ikimenyetso cya gatandatu, ubwo impanda zivuzwa, Umwami azaba yamaze kuva ku ntebe y'imbabazi, kuko umurimo we wo gucungura uzaba warangiye**".

Mu kwezi kwa gatatu 1963, ntabwo Umwana w'Intama yigeze ava ku ntebe y'imbabazi, nk'uko benshi babyunvise nabi. Turacyari mu gihe cy'ubuntu: amaraso y'isezerano aracyari ku ntebe y'imbabazi (Abah.4:16) – itwikir'Isanduku y'isezerano (Abarewi 16:11-14; Ababeb.9:15-22), kandi azahaguma kugeza igihe ba bantu benshi cyane bavugwa mu Byahishuwe 7 bazaba bamaze kumesa no kweza ibishura byabo mu maraso y'Umwana w'Intama, mu gihe cyo kubabazwa gukomeye.

Mu kwezi kwa gatatu 1963, nta n'ubwo habaye igice cy'isaha cyo guceceka mu ijuru. Kandi mu kwezi kwa gatatu 1963, ntabwo marayika w'Isezerano (Ibyah.10) yigeze amanuka ku isi ngo ashyire ikirenge kimwe ku nyanja n'ikindi ku butaka. Mu kwezi kwa gatatu 1963, ntabwo inkuba ndwi zo mu Byahishuwe 10:7 zigeze zumvikanisha ijwi ryazo.

Ibyabaye mu kwezi kwa gatatu 1963, n'uko mwenedata Branham yahawe uguhishurirwa kw'ibyo Yohana yeretswe ari ku kirwa cy'i Patimosi, ubwo Umwana w'Intama yafataga igitabo cy'ubwiru (Ibyah.5). Twamurikiwe byose rwose ku bw'ubuntu bw'Imana, ku buryo dushobora gushyira ikintu cyose mu mwanya wacyo, byaba ari ibyabaye mu gihe cyashize, ibiba mu gihe cyacu cyangwa ibizaba mu gihe kizaza, ubwo ibyo twahishuriwe bisohozwa. Ntabwo ibimenyetso bizahishurwa nyuma yo kuzamurwa nk'uko hari benshi babyigisha bibeshya. Ku bw'ubuntu bw'Imana, ibimenyetso byamaze guhishurirwa Umugeni mu gihe cyacu. Umuhanuzi Danyeri yarabwiwe ati: "**Bumb'igitabo, ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka, benshi bazagisoma, kandi ubwenge buzagwira**" (Dan.12:4). Turi mu gihe cya nyuma, dushobora gusoma icyo gitabo kuko cyabumbuwe, dushimira Imana kubw'uguhishurirwa yaduhaye mur'iki gihe cyacu. Amina.

Mwenedata Branham yasomye ibyanditswe bya bibiliya bijyanye na buri kimenyetso cy'ibimenyetso bitandatu bibanza. Tubona neza ko ibyo mu kimenyetso cya gatandatu (Ibyah.6:12-17) bizaba nyuma y'izamurwa: "*nuko mbona amena ikimenyetso cya gatandatu, habaho igishyitsi gikomeye,* ***izububa ririrabura nk'ikigunira kiboheshejwe ubwoya, ukwezi kwose guhinduka nk'amaraso***…" (Umur.12). Ikimenyetso cya gatandatu kirangizwa n'aya magambo: "*kuko umunsi ukomeye w'umujinya wayo usohoye, ninde ubasha guhagarara adatsinzwe?*" (Umur.17).

Mu Byahishuwe 7:1-8, itegeko ryahawe abamarayika bane b'urubanza: "*ntimubabaze isi cyangwa inyanja cyangwa ibiti tutaramara gushyira ikimenyetso ku ruhanga rw'imbata z'Imana yacu*" (Umur.3). Ibi bireba ishyirwaho ry'ikimenyetso ku bantu 144.000 bo mu moko cumi n'abiri y'Isirayeri ku bw'ubukozi bw'imyaka itatu n'igice bwa ba bahamya babiri (Ibyah.11). Nyuma yaho ni bwo ibihano by'impanda bizaza ku isi.

Ku mirongo ya 9-17 herekanwamo abizera batabarika bagomba kunyura mu kubabazwa gukomeye kandi bogeje ibishura byabo mu maraso y'Umwana w'Intama.

Ntabwo mwenedata Branham yigeze asoma mu kibwiriza cye imirongo ya bibiliya ijyanye n'ikimenyetso cya karindwi; yasomye gusa umurongo wa mbere w'igice cy'umunani (Ibyah.8:1) werekeye uguceceka kwabaye mu ijuru. Uwo murongo wa mbere uragira uti: "*Umwana w'Intama amennye ikimenyetso cya karindwi, mu ijuru habaho ituze nk'igice cy'isaha*".

Uhereye ku murongo wa kabiri, turabwirwa byeruye ibizakurikiraho: "*Mbona abamarayika barindwi bahora bahagarara imbere y'Imana bahabwa impandwa ndwi*".

Ku **cyago cya mbere cy'impanda**, kimwe cya gatatu cy'isi na kimwe cya gatatu cy'ibiti birashya (umur.7);

Ku **cyago cya kabiri cy'impanda**, kimwe cya gatatu cy'inyanja gihinduka amaraso (umur.8-9);

Ku **cyago cya gatatu cy'impanda** (umur.10-11), kimwe cya gatatu cy'imigezi ni cyo gikubitwa;

Ku **cyago cya kane cy'impanda** (umur.12), kimwe cya gatatu cy'izuba, n'ukwezi n'inyenyeri nibyo bikorwaho.

Hazakurikiraho ibyago bitatu biza ku batuy'isi bose hamwe no gutangaza ibyago bya nyuma bisigaye bifitwe n'abandi bamarayika batatu bagomba na bo kuvuza impanda zabo.

Marayika wa gatanu avugije impanda (igice 9:1-12) habaho **icyago cya gatanu cy'impanda**: abantu bose bazatotezwa kumara amezi 5, uretse 144.000 bamaze gushyirwaho ikimenyetso, ni bo bonyine batazagerwaho n'icyo cyago (Ibyah.7:3-4).

Mu gihe cy'icyago cya gatandatu cy'impanda (imir.13-21), abamarayika bane b'ibyago bari baboheye ku mugezi Efurati, biteguriye umunsi, n'ukwezi, n'umwaka, bazica kimwe cya gatatu cy'abantu (umur.15).

Abamarayika batandatu b'impanda, n'abamarayika bane bihariye b'ibyago nibamara gusohoza umurimo wabo, ni bwo itangazo ryo mu Byahishuwe 10:7 ryumvikana: "*ahubwo mu minsi ya **marayika wa karindwi, ubwo azatangira kuvuza impanda, ni bwo ubwiru bw'Imana buzaba busohoye** nk'uko yabibwiye imbata zayo ari bo bahanuzi*".

Ndasaba umuntu wese, mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo, gusoma Ibyahishuwe 10, mu kubaha kwose, uhereye ku itangiriro. **Ubwo ni bwo Umwami ubwe amanuka nka Marayika w'isezerano, atwikiriwe n'igicu, agoswe n'umukororombya ko mutwe we, afite mu ntoke igitabo kibumbuwe, nk'umuremyi wa byose, agashyira ikirenge kimwe ku butaka ikindi ku Nyanja**, maze "*avuga mu ijwi rirenga nk'uko intare yivuga, amaze kuvuga mu ijwi rirenga, inkuba ndwi zumvikanisha amajwi yazo*" (umur.3).

Tariki 17/3/1963, mwenedata Branham yasomye umurongo wo mu Byahishuwe 10 maze aravuga ati "**niba mwabibonye, ni Kristo. Mu Isezerano rya Cyera yitwaga Marayika w'Isezerano. Ubu rero asanze abayuda, kuko umurimo mu Itorero warangiye**". Marayika wa karindwi **w'itorero**, nk'uko mwenedata Branham yabivuze inshuro zirenga 50, ni we Imana yakoresheje kugira ngo duhishurirwe ubwiru bwose. Naho aha ho, ni isirayeri ivugwa na marayika wa karindwi wo mu bamarayika barindwi bafite impanda, ni "**ubwiru bw'Imana**" (Abakol.2:2-3) - **ari bwo Yesu Kristo Umwami wacu** (1Timot.3:16). Ubwo yazaga bwa mbere ntabwo abayuda bamumenye, nuko rero bazabona uwo bacumise (Zak.12:10; Yoh.19:37; Ibyah.1:7).

Dusubiye na none mu isezerano rya **k**era tubona ko agace ka kabiri k'umurongo wa Maraki 3:1 ari ko gasohora, ***marayika w'isezerano*** *akinjira mu rusengero*. Muri uyu murongo havugwamo Isirayeri, na Yerusalemu, n'umusozi Siyoni, aho ba bandi 144.000 bazateranira. Ibi ni UKO UWITEKA AVUZE mu Ijambo rye:

"*Uwiteka azivuga ar'i Siyoni, arangururе ijwi rye ari i Yerusalemu. Ijuru n'isi bizahinda umushyitsi, ariko Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro, abere abisirayeri igihome*" (Yow.3:16).

Igihe Umwami azivuga nk'Intare yo mu muryango wa Yuda, ni bwo inkuba ndwi zizumvikanisha ijwi ryazo (Yer.25:30; Hos.11:10; Ibyah.10:3). Ariko, ijwi ryavuye mu ijuru rirategeka ngo: "*Iby'izo nkuba zavuze ubizigame, bibe ubwiru, ntubyandike*" (Ibyah.10:4). Amina. Abo amazima yabo yanditswe mu gitabo cy'Umwana w'Intama watambwe bose, ibyo barabyubahiriza rwose. Abana nyakuri b'Imana bizera gusa ibyanditswe mu Isezerano rya **k**era n'Irishya; ntabwo bizera na hato insobanuro cyangwa inyigisho z'ibinyoma. Batandukanya inkuba ndwi zo mu Byahishuwe 10 n'inkuba zavuze tariki 28/2/1963. Izi zo zar'inkuba zisanzwe, zaherekejwe n'umushyitsi wanyeganyeje akarere kose k'umusozi wa Sunset muri Arizona, ku buryo ibice by'amabuye byacitse ku musozi bihirima mu kabande, n'imitwe y'ibit'iracika. Niboneye n'amaso yanjy'ibyo bice by'amabuye n'imitwe y'ibiti mu kwezi kwa 12 mu mwaka w'1968, ubwo twajyaga kubireba tuyobowe na Pearry Green w'ahitwa Tuckson, mu rugendo yateguye akarutumiramo ababwirizabutumwa benshi. Ubwo mwenedata Branham yavugaga ku byerekeye guhinda kurindwi kw'inkuba, nta gushidikanya ko yabaga atekereza ibidasanzwe byabereye ku musozi Sunset.

Duhora tujya mu isezerano rya **k**era kugira ngo tumenye neza igihe kizaba gisigaye uko kingana, nyuma yo kurahira kwa marayika w'isezerano: "*Mbona wa mugabo wari wambaye imyenda y'igitare wari hejuru y'amazi y'uruzi, atunga ukuboko kw'ibiryo n'ukw'imoso ku ijuru, numva arahira Ihoraho iteka ryose ngo bizamara igihe, n'ibihe, n'igice cy'igihe – bishaka kuvuga imyaka itatu n'igice -; kandi ati "nibamara kumenagura imbaraga z'abera, ibyo byose bizaherako birangire*" (Dan.12:7). Imana ishimirwe ko Isezerano rya Cyera n'Irishya ar'ibinyakuri! Ibyagombaga kuzaba byose byabanje kwandikwa mu Isezerano rya **kera**. Naho Isezerano Rishya ryo, ryerekana uburyo bizasohora, igihe bizasohorera, n'aho bizasohorera.

Mu Byahishuwe 11:1-14, urusengero rurapimwa, kandi tubwirwa neza iby'ubukozi bw'abahamya babiri bagomba kuzaza i Yerusalemu: bizamara iminsi 1260, ari byo bihwanye n'imyaka itatu n'igice. Nyuma y'ubukozi bw'abo bahanuzi babiri, ubwo urusengero ruzaba rwamaze kubakwa (Ibyah.11:1; Ibyah.16:1), bazicwa maze bajyanwe mu ijuru. Nyuma y'aho, nibwo inzabya ndwi z'umujinya w'Imana zizasukwa ku isi: "*Mbona mu ijuru ikindi kimenyetso gikomeye gitangaje: n'abamarayika barindwi bafîte'ibyago birindwi, by'imperuka, kuko muri byo ari mo umujinya w'Imana usohorera*" (Ibyah.15;16). Ku iherezo ryo kubabazwa gukomeye, nyuma y'imyaka itatu n'igice ya nyuma, ubwami bwa Kristo buzaherako butangazwe: "*Ubwami bw'isi bubaye ubw'Umwami wacu n'ubwa Kristo we, kandi azahora ku ngoma iteka ryose!*" (Ibyah.11:15+17; Luk.1:33; Yes.9:6). Ese har'ukundi byakwandikwa cyangwa byasobanurwa neza kurusha uko byatugejejweho muri Bibiliya?

“Ese kuki Imana yacyuye umugaragu wayo vuba cyane?”
Icyo ni ikibazo gikunze kugaruka kenshi

Mwenedata Branham yabaye umukozi Imana yahaye umugisha nk’umuhanuzi. Yabwiriwe, agifite imyaka irindwi, mu muyaga wa serwakira wanyeganyeje cyane amababi y’igiti ngo: “ ntukanywe itabi, ntukanywe inzoga kandi ntukanduze umubiri wawe uburyo ubw’ari bwo bwose, kuko Numara gukura, har’umurimo ugomba kuzakora”. Tariki 7/05/1946, nibwo yagenderewe n’umumarayika winjiye mu cyumba yari arimo mu mucyo ndengakamere, maze aramubwira ati: “Witinya, nkoherejweho mvuye imbere y’Imana isumba byose… nk’uko Mose yahawe ibimenyetso bibiri kugira ngo bibere ubukozi bwe gihamya, uko ni ko nawe uzahabwa ibimenyetso bibiri…”. Ibyagaragaye ku Mwami wacu mu mpano ye y’ubuhanuzi arondora ibiri mu mitima y’abantu, ni byo byasubiwemo mu bukozi bwa mwenedata Branham - ibyo kandi ntibyigeze bigirwa n’undi muntu. Ibyo ni byo mwenedata Branham yakunze kugereranya n’ibyabaye kuri Simoni Petero na Natanayeri muri Yohana 1:40-51, hamwe n’ibyabaye ku mugore w’umusamariya hafi y’iriba rya yakobo mu gice cya kane. Yanakunze kugaruka kuri Yohana 5:19 ubwo yabaga arimo gusengera abarwayi ati “*…ntacy’Umwana abasha gukora ubwe atabanje kubona Se agikora*”. Yabanzaga kwerekwa ibijyanye n’ubuzima bw’ababaga baje kugirango abasengere. Ibyo narabyirebeye ubwanjye kandi ndabyiyumvira ubwo nari mu materaniro ye y’akataraboneka yabereye mu Budage no mur’Amerika. Inshuro eshatu: ahitwa Karlruhe mu mu mwaka wa 1955, i Dallas mu wa 1958 n’i Jeffersonville mu wa 1962 ubwo yambwiraga nanjye ibyo yari yampishuriweho.

We, nk’umuntu wakomeje kwerekwa kumara imyaka 33 yose ibyerekeye abantu babaga bar’imbere ye mu murongo wo gusengerwa; we nk’umuntu wasengeye ibihumbi byinshi by’abantu mu materaniro menshi anyuranye, benshi muri bo bagaherako bakira; we nk’umuntu watangije ububyutse bwo gusengera abarwayi nyuma y’intambara ya kabiri y’isi, ubyo nta n’umuntu n’umwe wari wakumvis’inkuru ya Billy Graham na Oral Robert; we nk’umuntu wavuze “UKU NIKO UWITEKA AVUZE!” inshuro zirenga 1650, kandi koko byari Uku niko Uwiteka avuze, nyamara yajyanywe bitunguranye afite imyaka 56 azize impanuka y’imodoka.

Tariki 18/12/1965 mwenedata Branham yafashe urugendo ari mu modoka ye yo mu bwoko bwa Ford kugira ngo akore urugendo rurerure rw’ibirometero birenze 2500 rwo kuva Tuckson muri Arizona ajya i Jeffersonville muri Indiana. Yar’afite inyandiko yari yateguye y’ikibwirizwa yashakaga gutanga cy’amasaha ane mu itorero rye i Jeffersonville, yashakaga kwita “Inzira y’inzoka”. Ageze hafi y’umurwa witwa Amarillo, muri Texas, ahusha umuhanda kuko yarimo aganira na mushiki wacu Meda Branham (umukobwa we Sara yari yicaye ku ntebe y’inyuma), byamusabye kuzenguruka ho gato kugira ngo agaruke mu nzira yari yataye. Umuhungu we Billy Paul wari mu yindi modoka imbere hamwe n’umuryango we na murumuna we Yosefu, bari bategerereje se hafi y’aho umuhanda usohokera. Nuko mwenedata Branham ahageze yongera gukurikarana na Billy Paul. Bageze hafi y’ahitwa Freona, muri Texas, imodoka iherako yambukanya umuhanda yihuta cyane ijya kugonga imodoka ya mwenedata Branham. Umushoferi wayo yar’umwana muto w’imyaka 17, we n’uwo bari kumwe bari basinze, bahereyeko bapfa ako kanya. Mwenedata Branham we yarakomeretse

bikomeye, kimwe na mushiki wacu Meda Branham. Mushiki wacu Sara wari ku ntebe y'inyuma we, arakobagurika. Tariki 24/12/1965, nibwo mwenedata Branham yaguye kwa muganga aho yavurirwaga, naho bashiki bacu Meda na Sara bo barakira.

Ku bw'umuryango we, n'abizera b'ubutumwa bw'igihe cya nyuma, byabaye igikuba gikomeye cyane. Abantu bose bibazaga bati: "ese kuki ibi byabaye?" Ibyumweru bine mbere y'aho, tariki 27/11/1965, ni bwo mwenedata Branham yari yivugiye inshuro ebyiri zikurikiranye ati: "sinzapfa, nzongera nyure mur'iyi nzira".

Kuki Imana yashatse ko ibyo biba? Twese twigeze kwibaza kenshi tuti: "Ese kuki Imana yemeye ko ibi n'ibi biba?" Dushobora no gusubira muri Paradizo tukabaza tuti: "Kuki Uwiteka Imana wagendagendaga mu ngobyi y'Edeni, yemeye ko Satani ashuka Eva?" Abayahudi by'umwihariko bashobora kubaza bati: "Kuki Imana yemeye ko turimburwa?" Kuki? Kuki? Umuntu ashobora gukomeza kwibaza icyo kibazo.

Imana kandi yemeye ko Yohana Mubatiza ashikuzwa ubuzima mu buryo butumvikana rwose aciwe igihanga (Mat.14:1-12). Icyumvikana ni uko ubukozi bwe bwari bwarangiye. Abahanuzi n'abantu kimwe natwe, n'ubwo ubukozi bwabo buba bufite umwanya wo hejuru cyane mu mugambi w'agakiza, ni yo mpamvu bagomba gupfa nk'abantu basanzwe (Abah.11:32-40). Ubukozi bwa mwenedata Branham na bwo bwari bwarangiye, iyo bitaba byo ntabwo Imana iba yaramucyuye.

Ntaramenya ibyari byabaye, nk'uko maze kubivugaho, nabonye mu iyerekwa mwenedata Branham, arimo azamurwa ari ku gicu, yambaye kositime kandi yunamye, byari nimugoroba tariki 24/12/1965.

Uwakwibwira ko bidasanzwe, ka tumubwire ko n'Umucunguzi nyuma yo kuzuka kwe yazamuwe ku gicu: "… *nuko igicu kiramubakingiriza*" (Ibyak.1:9).

Nyuma yo kurangiza umurimo wabo, abahanuzi babiri bo mu Byahishuwe 11 bazicwa maze nabo bazamurwe mu gicu: "…*nuko bazamukira mu gicu bajya mu ijuru abanzi babo babireba*" (Umur.12).

Natwe, igihe cyo kuzamurwa, tuzajyanwa ku bicu: "*maze natwe tuzaba tukiriho twasigaye, duhereko tujyanwe nabo, tuzamurwe mu bicu, dusanganire Umwami wacu mu kirere*…" (1Abates.4:17).

Incamake

Reka twongere tubivuge tweruye: buri jambo ry'Imana rikubiye mu nyandiko y'irage ry'Imana, kandi tugomba kurishingiraho, byaba mu ivugabutumwa, mu kwigisha no mu bijyanye n'Ijambo ry'ubuhanuzi, guhera ku murongo wa mbere ukageza ku wa nyuma. Ku bijyanye n'ibyo kubwiriza ijambo ry'Imana, nakomeje gushingira, kandi nzahora nshingira igihe cyose kugeza ku iherezo ku byanditswe mu isezerano rya kera n'irishya. Ibyo mbigomba abaragwa b'Imana n'abaraganwa na Yesu Kristo, nk'uko ari ukuri ko ukuri kw'Imana gutuye muri jye.

Muri iyi myaka mirongo itanu ishize, inyigisho z'ibinyona nyinshi zazanywe n'abiyita "inararibonye za Branham". Nyamara kugeza ubu, nta n'umwe muri bo wari yigera avuga ko yaba yarahamagawe n'Imana. Basoma amagambo amwe n'amwe ya Branham ajyanye n' "inkuba ndwi", "iyerekwa ry'ihema", "ugukwega kwa gatatu", n'ibindi, hanyuma bakabwiriza insobanuro zabo bwite, batagenzuye ibyo bavuga ngo babigereranye n'ibyanditswe byera, batanafunguye na bibiliya. Agahebuzo kabyo n'impinduka bakoze i Jeffersonville. Kugeza mu myaka ya za 80, inyito "isakazwa ry'Ijambo ryavuzwe" (voice of God publication) n'umurongo wa 7 w'Ibyahishuwe 10, byitwaga ko ar'ijwi rya marayika wa karindwi. Nyuma biza gutangazwa ko ari "ijwi ry'Imana" (Voice of God/ la voix de Dieu). Uhereye icyo gihe, bavuze ko buri muntu wese yagombaga kwiyumvira n'amatwi ye "ijwi ry'Imana" mu bibwiriza, kuko bahangaye kuvuga ko buri jambo ryavuzwe n'umuhanuzi ari Ijambo ry'Imana. Uko niko mwenedata Branham, waramywaga icyo gihe na bamwe ngo ni "Jambo wahishuye mu mubiri" ,"uwasizwe", "Umwana w'umuntu", yatangajwe ku mugaragaro ko ar' Imana".

William Marrion, mwene Charles na Ella Branham, yar'umuntu usanzwe, nk'uko yakundaga kubyivugira ubwe – umunyabyaha wakijijwe ku bw'ubuntu. Yakobo yanditse ku muhanuzi Eliya ati: "*Eliya yar'umuntu kimwe natwe*…" (Igic.5:17). Mwenedata Branham na we yar'umuntu kimwe natwe. Kenshi cyane yakunze kuvuga iby'ubuzima bwe n'ibyamubayeho mu buzima busanzwe mbere yo gutangira kubwiriza! Yakundaga guhiga no kuroba. Akiri muto yar'umutera makofi. Tariki 22/08/1950, yavuze ibi bikurikira: "natsinze indwano 52 nk'umuteramakofe w'umunyamwuga". Abamurwanyaga bakundaga gutondekanya amakosa yagiye akora mu mvugo. Nko mu gihe cy'iminota ibiri, yigeze kuvuga inshuro ebyiri ati: "Enoki yagendanye n'Imana imyaka 500". Ariko tuzi ko Enoki yabayeho imyaka 365 gusa (Itang.5:23)! Cyangwa se ati: "Enoki yar'uwa karindwi uvuye kuri Nowa" aho kuvuga "uvuye kuri Adamu". Yavuze umwaka w'1977 inshuro 17, cyane cyane mu kibwirizwa cye cyo ku wa 6/08/1961, yabwirije ku byumweru 70 bya Daniyeri. Yari yasomye igitabo cya Dr Larkin na Uriah Smith, ari yo mpamvu yibwiraga ko umwaka w'1977 wari yubire ya 50 ko kandi icyo gihe byose byakagombye kuba byarangiye, ko izamurwa ryagombye kuba ryarabaye ndetse na Amerika ikaba yamaze gusenywa. Nyamara, yongeyeho ati: "simpanuye, ariko ndabivuga bitaraba ko ibyo neretswe byose mu mwaka w'1933 bizaba byasohoye mbere y'umwaka w'1977". Tariki 8/07/1962, mwenedata Branham yongeye kuvuga yuzuye ibyiringiro ati: "… ubu ntegereje igihe gikomeye, ubwo nzashobora umunsi umwe kujya mur'Isirayeri nkabajyanira Ubutumwa Bwiza", yarongeye na none tariki 11/07/1965 ati: "Ubukozi bwanjye mur'Afurika ntabwo burarangira".

Imana ishimwe kuko yampaye gusobanukirwa byose neza uhereye ku itangiriro. Yampaye no kumenya ibyo mwenedata Branham yavugaga nk'umuntu, kuko namumenye na none nk'umuntu, nasangiye nawe ku meza, nagendanye na we mu modoka, nashyikiranye na we igihe cy'imyaka 10 yose. Kuba yari umuntu wagize n'ibyo avuga binyuranye nk'umuntu, ntacyo bihindura na gato ku bukozi yahawe butigeze busobwa, butigeze buhabwa undi muntu numwe, kandi ubwo yashohoje nk'uko Imana ubwayo yabimutegetse. Ibyo turabishimira Imana, kuko amagambo y'impuguro y'Umwami wacu agifite ireme ryayo kugez'ubu: "***Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira y'uko uwemera uwo ntumye aba ari jye yemeye, kand'unyemeye aba yemeye uwantumye***" (Yoh.13:20).

Nta gushidikanya ko nta wundi Imana yigera iha icyubahiro cyayo. Umwami Imana yohereje abagaragu be bose, ariko icyubahiro no kuramywa n'ibye wenyine iteka ryose. Ntabwo dukwiriye gushimira Mose, Eliya cyangwa Petero na Pawuro, nk'uko tudakwiye gushimira mwenedata Branham. Twamagana ugushira umuntu hejuru kose no kumuramya mu buryo ubw'ari bwo bwose. Abizera nyakuri nibo bavugwaho aya magambo ngo: "***Imana ni Umwuka, abayisenga bagomba kuyisengera mu mwuka no mu kuri***" (Yoh.4:24).

Abateye amarorerwa ni abitwa ababranham (Branhamiste)". Iyo batavana ibyo Branham yagiye avuga mu mwanya wabyo kugira ngo babibyaze inyigisho zabo bwite, byose biba byarabaye byiza. Ikibabaje n'uko mwenedata wayoboye imihango y'ishyingurwa rya mwenedata Branham, tariki 11/04/1966, i Jeffersonville, ubu nawe wubakiwe inzu y'imva i Tuckson uhereye tariki 30/08/2015, na we yakwirakwije ibyiyumviro n'inyigisho ze bwite mu gitabo yise "Ibikorwa by'Umuhanuzi". Urugero: yavuze ko izuka ry'abapfuye rizahurirana n'umutingito ukomeye uzakubita Californie iri ku nkengero y'inyanja y'uburengerazuba mur'Amerika, kandi ko mwenedata Branham azagira ubukozi budasanzwe ari mu ihema, nibura kumara iminsi 30. Yongeyeho ko umuhanuzi yabimwibwiriye – ko ndetse yanamubwiye ibyo azaba akora mur'iryo hema! Ibyifuzo by'abitumye bose bakishyira mu murimo, uhereye kera kugeza n'ubu, byar'ukwitwaza umuhanuzi kugira ngo bivomere ibyubahiro mu bizera batarashinga bashukika. Ijambo ry'Imana - Bibiliya - nta gaciro rigihabwa; ntabwo bakibwiriza ugucungurwa, imbabazi, ubwiyunge n'Imana, kugarurirwa cyangwa Yesu Kristo. Bahora gusa basubiramo nk'indirimbo ngo: "Umuhanuzi yaravuze…" –"Umuhanuzi yaravuze…". Abizera b'i Berowa bari beza kuruta: "… ***bakiriye Ijambo ry'Imana n'umutima ukunze, bagashaka mu Byanditswe iminsi yose kugira ngo bamenye niba ibyo babwiwe ari iby'ukuri koko***" (Ibyak.17:11).

Nongeye kubisubiramo: iyo hatabaho intumwa, nta n'ubutumwa bwari kuboneka. Byose byagenwe n'Imana bitarabaho. Abana b'Imana nyakuri bose bashimira Imana ku bw'ubukozi bwa mwenedata Branham, bizera ubutumwa bwavuye ku Mana, bafitanye ubumwe n'Imana kandi ntakabuza Imana izarangiza umurimo muri bo ku bw'ubuntu bwayo.

Abahanuzi bose n'intumwa bagize igihe cyabo n'ubukozi bwabo, kandi ntibakiri ku isi. Nyamara Ijambo bahishuriwe ryo rihoraho iteka ryose kandi ni ryo tubwiriza (1Pet.1:25). Ubutumwa bwa nyuma butavangiye bushingiye gusa kuri Bibiliya, ubu bumaze kugera ku moko yose. Hasigaye ikibazo kimwe gusa, gishobora kubazwa n'abahawe umurimo n'Imana ikabatuma: "… *ni nde wizeye ibyo twabwirije… ukuboko kw'Imana kwahishuriwe nde?*" "*Ese babwiriza bate batatumwe? Nk'uko byanditswe ngo: mbega uburyo ibirenge by'abavuga iby'amahoro, bavuga ubutumwa bwiza ari byiza cyane!*" (Abar.10).

Umwami amaze gusobanurira abigishwa be imigani y'iby'ubwami bw'Imana, yarababajije ati: "***Ese mwasobanukiwe ibyo byose? – Baramusubiza bati: Yee***" (Mat.13:51). Ese twarabisobanukiwe byose? Kimwe n'umugani w'imbuto ebyiri zitandukanye (Imirongo 37-38)?

Ese twasobanukiwe n'ibyo mwenedata Branham yavugaga atasobanuye neza, akabishyira mu gihe cyashize nk'aho byamaze kuba kandi ar'ibyo mu gihe kizaza? Igitabo cyose

cy'ibyahishuwe na cyo uko ni ko cyanditswe, nk'aho byose byamaze kuba. Yohana yabonye ibyari bigeye kuba, abona Yerusalemu nshya imanuka iva mu ijuru, abona n'amajuri mashya n'isi nshya.

Mu isengesho risoza amateraniro ye yo ku wa 24/03/1963, mwenedata Branham yavuze ibikurikira: "**kandi nongeye kugusaba Mwami, ko wamfasha. Ubu ndarushaho kugenda ncik'intege, kandi Mwami nzi ko iminsi yange ibaze; ni yo mpamvu ngusaba kumfasha. Umpe kuba umwiringirwa, uvugish'ukuri kand'uzir'uburyarya Mwami, kugira ngo ngeze Ubutumwa kure hashoboka nk'uko nabigenewe! Igihe cyo kugenda kwanjye nikigera, ningera ku nkombe y'umugezi aho imiraba ikubita, O Mana, uzanshoboze gushyikiriza iyi nkota undi muntu uzaba atar'indyarya kandi uzatwara ukuri**".

Ku itangiriro ry'umurimo wo gukwirakwiza ubutumwa, Uwo Imana ubwayo yangeneye, ryar'Ijambo. Nyuma nibwo abagabo badutse, babiba insobanuro zabo bwite bakoresha amagambo amwe n'amwe yavuzwe na mwenedata Branham ku byo guhinda kurindwi kw'inkuba, iby'iyerekwa ry'ihema no "gukwega" kwa gatatu, n'izindi ngingo. Jye mbwiriz'Ijambo rihoraho iteka ryose, kandi muri ryo ntacyo wasangamo kivuga ibijyanye no guhinda kurindwi kw'inkuba, cyangwa iyerekwa ry'ihema, cyangwa iby'"ugukwega" kwa gatatu. Nta kintu na kimwe nshobora kubivugaho; ibyo byar'ibyo mu bukozi bwa mwenedata Branham kandi ndabyubaha.

Intumwa Pawuro yatwihanangirije kenshi mu nzandiko ze kwirinda inyigisho z'ibinyoma. Ubwa mbere ni mu Byakozwe n'intumwa, igice cya 20: "*..kandi muri mw'ubwanyu, hazaduka abantu bavugira ibigoramye kugira ngo bakururire abigishywa inyuma yabo"* (umur.30). kandi ati: "*Ariko benedata, ndabinginga ngo mwirinde abazana ibyo gutandukanya n'ibigusha binyuranye n'ibyo mwigishijwe, mubazibukire*" (Abar.16:17). Kubera umurimo nahawe wo kubwiriza Ijambo ry'Imana rishingiye kuri Bibiliya, nta gutandukanya nigeze nteza, ahubwo abizera by'ukuri bafitiye ubumwe muri Kristo, ari we Mutwe.

Mu biganiro bitanu bya nyuma nagiranye na mwenedata Pearry Green, mu mpera z'umwaka wa 2014 no mu ntangiriro y'uwa 2015, yambwiraga ko kubera ukundi gutandukana kwabaye mu itorero rye, hari hamaze kuba amatorero arindwi y'ubutumwa bw'igihe i Tucson. Mu biganiro twagiranye, yavuze inshuro eshatu akomeje ati: "Mwenedata Frank, nizera ko umuhamagaro wawe ar'uw'ukuri kimwe n'uwa Pawuro mu nzira y'i Damasiko". Yifuzaga kuza kubihamiriza imbere y'itorero i Krefeld, ariko ntiyabishoboye kuko atashoboraga gufat'indege hamwe n'icyuma cyamufashaga guhumeka.

Si uko nkeneye ko umuhamagaro wanjye n'umurimo nashinzwe n'Imana uhamirizwa n'umuntu; kuko ibyo Imana imaze igice cy'ikinyejana ibikora. Ariko nta muntu ushobora kumenya agahinda mfite nterwa n'ubwo buyobe bwose, kubera inshingano mfite imbere y'Imana. Benedata bakwirakwiza inyigisho z'ibinyoma, bose barwanya uwo Imana yashinze ubutumwa bwayo. Nyamara ubuhamya bwanjye ni kimwe n'ubwa Pawuro: "*Nyamara Umwami wacu niwe wampagarikiye arankomeza, kugira ngo ubutumwa bubwirizwe n'akanwa kanjye butagabanije, kugira ngo abanyamahanga bose babwumve. Kandi yankijije akanwa k'intare*" (2Tim.4:17).

“Ubu butumwa bw’agakiza buzabwirizwa ku isi yose”

Nta gihe na kimwe byigeze kubaho ko Ijambo ry’Imana rijyanwa ku isi yose aka kagene, binyuze mu ngendo jy’ubwanjye nakoze mu mirwa 650 yo mu bihugu 156, no mu isakazwa rikorwa muri porogaramu nyinshi za televiziyo. Umwami ashobora kongera kuvuga nk’uko yavuze muri Matayo 24:14 ndetse akongeraho ati: “*Uyu munsi, iki cyanditswe gisohoreye mu maso yanyu”.*

Kenshi abizera barenze igihumbi bava mu Burayi bwose bakaza mu materaniro abera hano i Krefeld mu kigo cy’ivugabutumwa buri kwezi; abandi bava mur’Afurika no hakurya y’inyanja. Amatorero ageze ku 1600 yo mu bihugu 172 nayo aradukurikira kuri murandasi/interineti. Bose bashobora kumva ibibwirizwa bisemurwa mu ndimi 12 zinyuranye. Abumva bose kandi bizera Ijambo ry’Imana ni abanyamugisha, ni bo bafite uruhare mu gikorwa cya nyuma cy’Imana. Nk’uko nta gushidikanya ko ubutumwa bw’Imana butunganye bugera ku mpera z’isi, ni na ko nta gushidikanya ko kugaruka kwa Kristo kuri bugufi cyane.

Mbere yo kugaruka kwe, Itorero-Mugeni rigomba kugarurwa ku ntambwe imwe, kandi rigomba kuba umutima umwe n’ubugingo bumwe hose ku isi. Umusaruro uzava mu butumwa butunganye, buhamagarira ububyutse burimo kubwirizwa ubungubu, uzaba Umugeni-Jambo uzamurikirwa Umukwe. Umuntu wese wafungiwe mu buyobe ashobora kwemera gukosorwa ubu (Abar.16:17-20). Abari mu Itorero Mugeni bose bagomba kunga ubumwe mu rukundo rw’imana, bagomba kwezwa n’Ijambo ry’ukuri kandi bagomba gusohorezwaho gutegurwa kwabo, kugira ngo bazashobore kwinjira mu cyumba cy’ubukwe, ubwo Kristo azagaruka (Mat.25:10; Ibyah.19:7-9).

Dushobora kurekera Umukwe mukundwa umurimo wo gutunganya rwose Umugeni we. Ni we wenyine uzasozereza umurimo we mu bagize Itorero-Mugeni bose. “…*kugira ngo aryishyire rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari, cyangwa ikindi cyose gisa gityo, ahubwo ar’iryera ridafite inenge*” (Abef.5:27). Urukundo rutunganye rwose ni rwo rwonyine ruzagera yo. “H**ahirwa abafite imitima iboneye kuko ari bo bazabona Imana**”.

“ *Imana ibasha kubakomeresha Ubutumwa Bwiza no kubwiriza ibya Yesu Kristo nababwirije, bihuza n’ibanga ryahishwe uhereye kera kose, ariko noneho rikaba rihishuye ku bw’itegeko ry’Imana ihoraho, kugira ngo ibyanditswe n’abahanuzi bimenyeshwe n’abanyamahanga, bibayobore inzira yo kumvira no kwizera, icyubahiro kibe icy’Imana nyir’ubwenge yonyine iteka ryose, ku bwa Yesu Kristo! Amina!*" (Abar.16:25-27).

Ndabinginze, ntimukibagirwe ko: tur’abaragwa b’Imana n’abaraganwa na Yesu Kristo, kandi twagenewe kuzabana nawe mu bwiza bwe.

“*Kuko imbaraga z’ubumana bwayo zatugabiye ibintu byose bizana ubugingo no kubaha Imana, tubiheshejwe no kumenya neza uwaduhamagarishije ubwiza bwe n’ingeso ze nziza. Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by’igiciro cyinshi, bikomeye cyane, kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y’Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza*” (2Pet.1:3-4).

Imigisha y’Imana ibe kuri mwe.

Ukora atumwe n’Imana,



Ingendo z’ivugabutumwa zo mu mezi ashize, zakozwe mu bihugu 12, mu ntara yo mu Burasirazuba bwa kure no muri Afrika, zari ziruhije cyane, ariko zari ziherekejwe n’umugisha udasanzwe. Hose, ibihumbi by’abantu byazaga bivuye kure na hafi, kimwe no mu materaniro twagize i Paris, tariki 10/07/2016, no muri Rumaniya tariki 17/07/2016.

PHOTO

Iyi shusho yerekana iteraniro ryo ku wa 10/04/2016 i Cotonou muri Benin, muri Afurika y’iburengerazuba.

***Isengesho**:*

Mwami mukundwa,

wibuke Isezerano wagiranye natwe,

n’amaraso wamennye ku bwacu,

n’amasezerano waduhaye.

Kandi ku bw’ubuntu bwawe, uhe abaragwa bawe ubugingo bwawe buhoraho!

Niba mukeneye kohererezwa udutabo twandika (brochures), mushobora kutwandikira mubisaba ahakurikira:

Missionnaire Network
B.P 1718, Kigali – Rwanda
info@missionnaire.net
+250 788567415

Mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, mukoresheje umuyoboro wa murandasi/interineti: ku wa gatandatu saa moya n'igice nimugoroba, no ku cyumweru saa ine za mugitondo. Ayo materaniro asakazwa mu isi yose mu ndimi 13 zinyuranye.

Nimugire uruhare mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza!

Page web: http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news

E-mail: volksmission@gmx.de ou
E.Frank@freie-volksmission.de

Fax: 0049-2151/951293

****